



# Kabanyana, Gacuma K'Amagambo

Sylvestre Ntabajyana
Jesse Breytenbach

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera habayeho umukobwa witwaga Kabanyana. Kabanyana yagiraga amagambo menshi. Nyina yari yaramwihanangirije kutajya avugaguzwa ariko Kabanyana aranangira.



Umunsi umwe nyirasenge wa Kabanyana aza kurwara. Yari atuye hakurya y'ikibaya ahateganye n'umusozi iwabo wa Kabanyana bari batuyeho.



Kuri uwo munsi nyina wa Kabanyana yari ahuze cyane. Ku gicamunsi aza guha Kabanyana ingemu yo gushyira nyirasenge wari urwaye.



Mu nzira, Kabanyana aza guhura n'impyisi yari yinduye umuntu.



Nuko warupyisi iramubaza iti, "Wikoreye iki?" N'ubwo nyina wa Kabanyana yari yamubujije kuvuga ibyo yikoreye, yasubije Warupyisi ati, "Nikoreye inyama, amagi n'amata."



Kabanyana yongeraho ko ingemu yikoreye ayishyiriye nyirasenge. Ako kanya warupyisi itangira kugira amerwe itekereje ibyo Kabanyana yari yikoreye.



Iriruka itanga Kabanyana kwa nyirasenge.



Ihageze ihita inconcomera nyirasenge wa Kabanyana hanyuma yitwikira ikiringiti cye.



Kabanyana agezeyo, asanga urugo rutuje cyane. Yinjira mu nzu atangira guhamagara nyirasenge n'ijwi riranguruye.



Abuze umwitaba ahita ajya mu cyumba nyirasenge yaryamagamo. Atugurwa no kubona umuntu wiyoroshye ikiringiti ikinini.




Nuko aravuga ati, "Masenge, ko amatwi yawe yabaye manini uyu munsi byakugendekeye bite?" Ya mpyisi irasubiza iti, "Ni ukugira ngo nkumve neza."



Nuko arongera arabaza ati, "Masenge, ko amaso yawe yabaye manini byakugendekeye bite?" Irasubiza iti, "Ni ukugira ngo nshobore kukubona neza."



Noneho Kabanyana arabaza ati, "Masenge, ko umunwa wawe wabaye munini byakugendekeye bite?" Nuko warupyisi iti, "Kugira ngo mbone uko nguncomera." Warupyisi ihita isimbuka maze inconcomera Kabanyana.



Kubera kugira amagambo menshi, Kabanyana akomeza kuvuga ari mu nda ya warupyisi. Abaza ibibazo byinshi.



Nyuma y'aho warupyisi irambirwa amagambo ya Kabanyana maze iramuruka.



Kabanyana na nyirasenge baza gukizwa n'abaturage bo kuri uwo musozi. Kuva icyo gihe, Kabanyana atangira kugabanya amagambo ku bantu atazi.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Kabanyana, Gacuma K'Amagambo

**Author** - Gaspah Juma
**Translation** - Sylvestre Ntabajyana
**Illustration** - Jesse Breytenbach
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First paragraphs

© African Storybook Initiative 2014
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org